**IMYANZURO YA KONGRE Y'URUBYIRUKO RW'IHURIRO NYARWANDA (RNC) YATERANIYIYE I BURUSELI HO MU BUBILIGI TARIKI YA 15 KANAMA 2015**

RNC -EUROPEAN YOUTH COGRESS



Youth Mobilisation for Change in Rwanda/Mobilisation des Jeunes pour le Changement au Rwanda"

8/15/2015

Kongre y'Urubyiruko rw'Ihuriro Nyarwanda (RNC), yateraniye i Buruseli ho mu Bubiligi ku itariki ya 15 Kanama 2015 ifite insanganyamatsiko yiswe "Youth Mobilisation for Change in Rwanda/Mobilisation des Jeunes pour le Changement au Rwanda", yakoranyije abantu b'ingeri zose barimo ndetse n'urubyiruko rutabarizwa mu Ihiriro nyirizina, abayobozi b'Ihuriro mu rwego rw'isi, urw'intara n'uturere, abayobozi b'amashyaka n'aba sosiyete sivile bashishikajwe no kubonera umuti ibibazo Abanyarwanda bafite n' abafitanye umubano n'ubucuti n'Ihuriro Nyarwanda .

Kongre :

Imaze kumva ibiganiro byatanzwe na bamwe mu bayobozi bakuru b'Ihuriro ndetse n'abahagarariye andi mashyaka na sosiyete sivile kungingo zikurikira:

1. Umuco no gukunda igihugu;
2. Uburezi n'umurimo;
3. Demokarasi n'ubwisanzure;
4. Ingaruka z'imiterere y'ubukungu ku rubyiruko;
5. Ubutabera;
6. Ubumwe n'ubwiyunge;
7. Inzego z'umutekano;

Imaze kwungurana ibitekerezo mu bwisanzure busesuye kuri buri ngingo;

Isanga:

**1. Kubirebana n'Umuco no Gukunda Igihugu:**

Umuco nyarwanda waracitse kubera ikibazo cy'abayobozi ubwabo batagira umuco n'urukundo rw'igihugu. Kuva k'umukuru w'igihugu Paul Kagame kugeza ku nzego z'ibanze, abayobozi bafite imyifatire mibi ku buryo badaha urugero abato ngo babigireho umuco nyarwanda. Gukunda igihugu nta gaciro bihabwa, igifite agaciro n'ukuramya umukuru wacyo.
Umuco wigirwa k'urukundo, mu gufashanya, ndetse no gusabana; ariko muri iki gihe ibyo byose byaracitse bisimbuzwa amarozi akoreshwa m'ukwica abo ubuyobozi bw'igihugu cyacu budashaka.
Abayobozi bakuru b'igihugu bagaragaza ikinyabupfura gike mu gutuka abo badasangiye ibitekerezo, gukoresha imvugo itesha agaciro ikiremwa muntu ndetse no kutagira kirazira, ibi byo bituma umuco nyarwanda udahabwa agaciro

## 2. Kubirebana n' Uburezi n'Umurimo:

Abantu benshi mu rubyiruko rw'u Rwanda barangije amashuri, ari ay'isumbuye cyangwa amakuru, ntibagishobora kubona akazi. Ibi bikaba biterwa na politiki mbi y'ubutegetsi bw'agatsiko mu byerekeye uburezi no mu bijyane n' isoko ry'umurimo.

Kimwe mu bibazo nyamukuru kiri mu Rwanda ni ireme rike ry'uburezi rigaragara mu byiciro byose by'amashuri. Impamvu zibitera ni nyinshi, ariko iz'ingenzi ni ifatwa nabi ry'abarimu bahembwa intica ntikize, gutegeka abarimu kwigisha mu rurimi rw'icyongereza kandi abenshi muribo batakizi neza, ndetse n'imibereho mibi muri rusange y'abarimu, abanyeshuri n' imiryango yabo. Ntibyumvikana ukuntu umushahara w'umwarimu wigisha mu mashuri abanza cyangwa ay'isumbuye uri munsi y'uw' umukozi ushinzwe kwitaba telefoni mu bigo bimwe na bimwe bya Leta. Ntibyumvikana ukuntu umunyeshuri arangiza kaminuza atazi kwandika ibaruwa yo gusaba akazi. Birababaje kuba Perezida Kagame abinenga gusa ntanagerageze kubishakira umuti kandi Leta ayobora ariyo nyirabayazana. Biteye impungenge kuba mu mashuri makuru n'aya kaminuza yose ari mu Rwanda nta na rimwe ribarirwa mw'ijana ya mbere muri Afurika, kandi amwe muyo mu bihugu by'abaturanyi nka Tanzaniya na Uganda abarirwa muri 25 ya mbere.

Ikibazo nyamukuru kiri mu Rwanda ni ubushomeri bukabije mu rubyiruko rurangije amashuri. Imwe mu mpamvu zibitera ni ireme rike ry'ubumenyi abarangiza amashuri benshi baba bafite nk'uko byasobanuwe, ariko izindi mpamvu nyinshi zishingiye kuri politiki mbi ya Leta y'agatsiko ibangamira isoko ry'umurimo. Muri izo mpamvu twavuga cyane cyane kutubahiriza no kunyaga imitungo y'abanyemari ndetse no kuyibaziza; kutabana neza n'ibihugu bituranye n'u Rwanda; kwikubira ibikorwa bikomeye by'ubucuruzi kwa FPR na Kagame; imisanzu ya hato na hato n'urujijo kuri ejo hazaza biterwa n'ubutegetsi bw'igitugu. Ibyo byose bituma abashoramali, ari Abanyarwanda ari n'abanyamahanga bagira impungenge mugushora Imali yabo bityo urubyiruko rurangije amashuri ntirushobore kubona akazi.

## 3. Kubirebana na Demokarasi n'Ubwisanzure:

Hari ibibazo bituruka kw'ikoreshwa nabi ry'amategeko hagamijwe kubuza abaturage uburenganzira bwabo, bwaba ari ubwo guterana, kuvuga kubibazo by'igihugu bisanzuye, kwigaragambya ndetse ndetse n'ubwo gukoresha inama z'amashyaka ya politiki.

Ubutegetsi buri mumaboko y'umuntu umwe mu Rwanda; ubutegetsi nshigategeko, ngenzurateko n'ubucamanza byaka gombye gutandukana, ariko mu Rwanda siko bimeze. Ibi kandi bituma inzego zose z'igihugu zikora nabi munyungu z'umuntu umwe gusa.

Uruhari rw'abaturage muguteza igihugu imbere rukoreshwa nabi hagamijwe kubapyinagaza ndetse no kubagenzura; ibi bikorerwa mu miganda, imihigo, agaciro, ishema, Itorero ndetse n'ibindi.

Abayobozi ntibubahiriza amategeko, ahubwo usanga abantu bafungwa ku buryo bunyuranije n'amategeko, barigiswa, batotezwa, bicwa n'ibindi. Igihugu ntikigira ubwisanzure bwa politiki amashyaka atavuga rumwe na Leta yose asabwa kujya muri "forum" igenzurwa n'ishaka riri ku butegetsi (the National Consultative Forum of Political Organizations [FOP]) kugira ngo Leta iyabuze ubuzima gatozi, atabyemeye nayo araburabuzwa ndetse n'abayobozi bayo bagafungwa. Abayabozi cyane cyane abo mu nzego zo hejuru ntibakorera mu mucyo ngo bamenyeshe abaturage ibyo bakora kandi bamenye ko gutanga raporo kubaturage ari inshingano, ahubwo bafata abaturage nk'abagaragu babo.

Paul Kagame ntagira uwo aha raporo yaba iya politiki cyangwa iy'umutungo w'igihugu, akaba ariyo mpamvu imbaraga zose n'umutungo w' igihugu byihariwe n'umuryango we n' inshuti ze bwite.

Bambuye kandi abaturage uburengazira bwo kwihitiramo abayobozi; ibi, bigaragara mukwiba amatora, guhimbira indimitwe ya politiki ibyaha (urugero FDLR yahinduwe umutwe w' itera bwoba), kwangisha abayobozi b'andi mashyaka abaturage babita amazina atariyo "ibigarasha", ndetse no gufunga abayobozi b'amashyaka ategamiye ku butegetsi bakunzwe n'abaturage, kwimwa amahirwe mu kazi no mu mashuri igihe utari umuyoboke wa FPR.

Kutubahiriza uburenganzira bwa kiremwa muntu no kutemerera imiryango itegamiye kuri Leta gukorera mu gihugu mu bwisanzure. Urugero ni LIPRODHOR & CLADHO, byinjiriwe ubwo Leta yivangaga mubibazo by'amatora y'abayobozi bayo igamije gushyiramo abambari bayo.

Ibi byose biterwa n'uko ubutegetsi bw' ihariwe n' agatsiko k' abantu bake bifata nkaho bafite ifatabuguzi ryabwo bigatuma abaturage bahorana ubwoba kandi bihebye, abandi bakicwa, ababishoboye bagahunga.

### 4. Kubirebana n'ingaruka z'imiterere y'Ubukungu ku ubyiruko:

Ikibazo cy'ubukungu bw'u Rwanda gishingiye k'ukwikubira imitungo bikorwa n'agatsiko ka Kagame, ugasanga amafarnga yose ari mu mifuka y'abantu bake bityo ibitekerezo nabyo byo gushora imali bikaba bike, abaturage nabo bakabura ubushobozi bwo kugura ibiri kumasoko cyane ko aba bicuruza baba batitaye kumibereho yabarubanda rugufi.

Ikindi kibazo gikomeye kandi kigira ingaruka k'urubyiruko nyarwanda, ni ukutavugisha ukuri kumiterere y'ubukungu bw'uRwanda, bahimba imibare bagamije kubeshya amahanga kubera ko batitaye kumibereho ya bakene.

Isesagurwa ry'amafaranga y'igihugu inshuro nyinshi aba ya naturutse kunfashanyo zituruka hanze, ugasanga akoreshwa mukwinezeza no kwishyira hejuru bituma urubyiruko rudategurirwa ejo hazaza. Abayobozi bigwiza ho amazu y'imiturirwa, amadege, ariko abana biga muri za kaminuza babuze ifunguro rimwe kumusi.

Icyerekezo 2020 kimwe n'indi mihigo bishingiye kukubeshya no kurangaza Abanyarwanda n'amahanga , ibi byose ntibishobora kugerwaho kuko imibare yose yashingiweho gukora iki cyerekezo ari imihimbano.

Ubukungu bwo mucyaro ntibutezwa imbere kubera impanvu zavuzwe; abayobozi ntaho bahuriye n'abaturage, babanye nk'umutware n'umugaragu, ibi byose byerekana impamvu politiki y'ubukungu bw'u Rwanda ishingiye mugukenesha abaturage igakiza abaherwe.

Ingaruka z'imitere y'ubukungu bw'u Rwanda kurubyiruko ni nyinshi kuko urubyiruko rwinshi ruba mubyaro kandi Leta ya agatsiko ka Kagame ikaba itabitayeho.

Politiki y'ubuhinzi n'ubworozi ntiyigeze yigwa neza ngo buri karere gahinge ibi kabereye ariko hitawe cyane ku kurangiza ikibazo cy'imirire naho kureba kukibazo cy'afaranga yakwinjizwa mugihugu aturutse hanze cyane ko ahita yigira mimifuka y'abakire.

### 5. Kubirebana n'ubutabera:

Kuva ubutegetsi bwa FPR Inkotanyi bwajyaho mu mwaka 1994, hagiye habaho ingamba zo kuvugurura imitere ndetse n'imikorere y'ubucamnza mu Rwanda, ndetse hagiye hashirwaho n'izindi nzego z'ubucamanza nshya zitariho mbere y'ubutegetsi bwa FPR. Ariko iyo mivugururire yose ntiyigeze itanga ubutabera bwigenga nubwo bwari bukenewe cyane ko igihugu cyari kivuye mu intambara ndetse na jenoside. FPR Inkotanyi aho gutanga ubutabera bakomeje gukoresha inzego z'ubucamanaza nk'intwaro bakubita uwo badashaka, ndetse bakanabwihisha inyuma bikingira kubera amahano bakoze. Ibi ndetse byarakoreshejwe no

mu mikirize y'imanza mpuzamahanga nka TIPR, aho ibimenyetso byahimbwaga cyangwa bakagerageza gutera ubwoba abacamanza bakoresheje inshuti bafite zikomeye.

Hari raporo nyinshi zatanzwe  ziva mumiryango itandukanye kandi yigenga, aho berekana gusa ibijyanye n'iterambere, ariko nti ba shobore gusobanura ikibazo cy'ubucamanza budakora mu Rwanda. Ibi kandi bishimangirwa n'uburyo  abantu benshi; baba Abanyarwanda cyangwa abanya amahanga bahitamo ubutabera mpuzamahanga aho kugana ubw'uRwanda. Iki kibazo cy'ubutabera mu Rwanda kandi nti wa gitandukanya n'ibindi byinshi biriho, nko; kutubahiriza uburenganzira bwa muntu, ikibazo cya demokarasi, ikibazo cya ruswa ndetse n'ibindi bintu bikoreswa cyangwa bikavugwa n'inzego nkuru za Leta y'uRwanda bigamije kurangaza amahanga ngo akababaro Abanyarwanda barimo katagaragara. Icyerekezo 2020; cya shiriweho  kurangaza abantu no gufunga amaso abashaka kubaza akababaro k'Abanyarwanda benshi, baba ari: abafungiye ubusa, abarangije ibifungo ntibarekurwe, abarigiswa, abicwa ndetse n'abafungiwe gutanga ibiterezo byabo.

Amategeko y'uRwanda kubijyanye n'ubucamanza arasobanutse, ariko ntiyubahirizwa kuko usanga abayobozi bakuru  b'igihugu bivanga mu mikirize y'imanza ndetse rimwe na rimwe bakavuga n'uburyo ubucamanza buzakoreswa mukwikiza abadakenewe, Kagame ati "mu minsi mike Ingabire azahura n'urukuta rw'amategeko"  bwarakeye biraba! Gutandukanya inzego z'ubutabera n'imiyoborere ya FPR ni ibintu bidashoboka kuko ubikoze ubutegetsi bushobora gusenyuka kubera amanyanga menshi ndetse n'ibyaha byinshi biregwa bamwe mubayobozi b'igihugu cy'uRwanda bakomeye

### 6. Kubirebana n'Ubumwe n'Ubwiyunge:

Abari muri kongre basanze; ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda bitarigeze bibaho.

Ubutegetsi bwagiye busimburana bwakomeje kuba ubw'udutsiko, twaba; utw' amoko cyangwa uturere, utwo dutsiko nitwo twagiye tubiba amacakubiri, tukananiza  ubumwe n'ubwiyunge, duhereye ku byabaye  ku batutsi nyuma ya 1959, ubwicanyi bwabaye ku banyenduga muri 1973, jenoside yabaye ku batutsi 1994, n'ubwicanyi bukabije bwabaye ku bahutu bukozwe na Kagame na gatsiko ke ko muri FPR byose byatumye ubumwe n'ubwiyunge mu banyarwanda burushaho kuba kure nk'ukwezi.

Ubutegetsi buyobowe na Perezida Kagame bwashyizeho inzego zitandukanye zigamije gukumira ubumwe n'ubwiyunge. Ubutabera, demokarasi, n'inzego z'umutekano zihagarariye Abanyarwanda bose ntibirangwa mu Rwanda muri iki gihe, kandi ntibishoboka ko haba ubumwe n'ubwiyunge kandi hakiri ikibazo cy'ubutabera bureba ibyaha bya bamwe

bukirengagiza ibya bandi. Ibi byose ni inzitizi z'ubwiyunge. Ubutabera, bwaba ubwa gacaca cyangwa TPIR bwashingiye kuri politiki aho gushingira ku byabaye ku banyarwanda bose.

Ubutegetsi bwa FPR butoza Abanyarwanda bamwe kwibuka ababo, kandi bugashyiraho ibigega bivangura imfubyi n'abapfakazi. Ibi byose bitandukanya Abanyarwanda. Politike y'agatsiko ka kagame itegekesha igitugu, igashora urubyiruko mu bwicanyi irutoza no kuroga, ndetse inzego z'umutekano zikagirwamo n' abakorera inyungu za Kagame n'agatsiko ke aho gukorera Abanyarwanda bose.

Agatsiko ka Kagame/FPR gakoresha iturufu ry'abacitse kw'icumu rya jenoside; guhindura Abahutu bose abajenosideri ku nyungu za Kagame, ibi byose bibangamira ubwiyunge nyabwo.

7. **Kubirebana n'inzego z'umutekano:**

Mu Rwanda hari ibibazo byinshi bibangamiye umutekano w'Abanyarwanda by' umwihariko ndetse n' akarere u Rwanda rubarizwamo muri rusange.

Hari ibibazo bituruka ku ngamba za FPR zijyanye n'uburyo bwo kurinda umutekano w'igihugu ziba zizwe kandi zigashyirwa mu bikorwa nabi, cyangwa ibituruka ku ngamba zidahwitse ndetse n' imiyoborere mibi y'inzego z'ubuyobozi bwaba ubwo mu nzego zegereye abaturage kugeza ku bakuriye igihugu ndetse hari mo na perezida wa repubulika, muri byo twavuga: Ibibazo bituruka ku micungire mibi y'ibigo by'ubwishingizi (Mutuelles de Santé, RAMA na MMI) aho usanga imicungire y'ibi bigo ihangayikisha abaturage kandi yakagombye kubaha icyizere cy'ejo hazaza . Ibibazo by'imiturire n'ubutaka, ibijyanye n'imidugudu bitizwe neza, ibibazo bituruka ku ngurane zidatangwa ndetse n'izitanzwe zikaba zidakwiye. Ibibazo binshingiye k'ubudehe, itangwa nabi ry'imyanya mu mashuri nka za bourses zihabwa abantu bamwe, ndetse n'icyenewabo na ruswa mu gutanga akazi, wongeyeho abana baba ku mihanda (mayibobo) kubera kubura aho baba.

Hari kandi ibibazo bishingiye k'ubutabera butigenga; imanza za gacaca zaciwe nabi, indishyi kubabuze ababo muri jenoside, iyicwa ry'abahutu ritemerwa ku mugaragaro, ndetse n'ihohoterwa ry'abantu muri rusange kandi ntihagire inkurikizi kubakoze ibyo byaha.
Ibibazo bituruka ku miyoborere mibi kandi ntibikosorwe; hari nka 'Ndi umunyarwanda' ikoreshwa nka propaganda yo kunvikanisha ko hari ubwoko bw'abanyabyaha, kutubahiriza ikiremwamuntu, kutagira demokarasi, gufunga urubuga rwa politiki, inzego z'umutekano zitagira amategeko ngenderwaho agenga inshingano zabo, kutagaragaza neza imiterere y'inzego z'umutekano nibyo zishinzwe, kutagira igenzura rizwi mu rwego rw'amategeko no

gushaka kwigisha urubyiruko amahame ya gisirikare ariko hagamijwe kugumisha FPR ku butegetsi.

**IMYANZURO YA KONGRE**

Kongre irashishikariza abanyarwanda muri rusange n'urubyiruko by'umwihariko ibi bikurikira:

1. **Kubirebana n'Umuco no Gukunda Igihugu:**

a. Kwita k' ubumenyi bw'ururimi gakondo rw'Ikinyarwanda kuko ni rwo shingiro ry'umuco remezo nyarwanda. Urwo rurimi rwa Gihanga nirwo ruduhuza twese nk' Abanyarwanda.
b. Turashishikariza kandi urubyiruko kugira ubushake n'uruhare mu kuganira n'ababyeyi babo ku byerekeye amateka y'igihugu cyacu."Utaganiriye na Se ntamenya icyo Sekuru yasize avuze"
c. Ababyeyi bagomba kwirinda kubwira abana babo amateka agoretse bitewe n'aho babogamiye mu bitekerezo cyangwa politiki! Amateka yacu,tuyavuge uko ari, yaba meza cyangwa mabi
d. Urubyiruko rukwiye kugira uruhari mu gukosora amakosa ari nako bafata ingero nziza tubereka.
e. Kumenya neza ko urukundo nyarwo rw'igihugu ari ukugishakira amahoro arambye mu bagituye. Amahoro yubaka Inyabutatu nyarwanda isobanutse ntizongere gusobana ukundi! Kandi ayo mahoro arambye tuzayakura mu bwiyunge nyabwo. Ubwo bwiyunge nyabwo urubyiruko rugomba kubucengeza mu bandi Banyarwanda; icyo kivi cy'ubumwe n'ubwiyunge nyabwo mudufashe kugitura bityo umuco wacu tuwurinde kwangirika, kandi twese hamwe tuzatsinda ikibi icyiza kiganze, nirwo rukundo nyarwo rw' igihugu cyacu twahawe na Rurema.

2. **Kubirebana n 'Uburezi n'Umurimo:**

a. Gushyira imbaraga hamwe rukarwanya Leta y'agatsiko idaha agaciro uburezi kandi ubumenyi aribwo butuma urubyiruko rwitegurira ejo hazaza heza.
b. Kurwanya akarengane n'ubwambuzi bw'imitungo y'abantu bikorwa na Leta y'agatsiko ku nyungu z'abigwizaho imitungo nka Perezida Kagame.
c. Kwamagana ubushotoranyi n'urugomo Leta ya Kigali igirira ibihugu bituranye n'u Rwanda kuko bifungira urubyiruko n'abandi Banyarwanda amasoko y'umurimo n'ibindi.

d. Guharanira ko ubutegetsi bw'agatsiko buvaho kuko butubahiriza Itegekonshinga bikagira ingaruka mbi ku rubyiruko no ku bandi Banyarwanda nk'uko byadindije uburezi igihe Perezida Kagame ategeka kutongera gukoresha igifaransa mu burezi no mu mirimo ya Leta.
e. Guharanira impinduka kugira ngo habe ipiganwa muri byose, FPR ntikomeze kwikubira ishoramari mu mishinga ikomeye yose arinako iha akazi abatoni bayo gusa.
f. Guharanira demokarasi kugira ngo impungenge n'urujijo ku bashoramari biveho.

### 3. Kubirebana na Demokarasi n'Ubwisanzure:

a. Abari muri kongre basanze ari nta demokarasi yaturuka k'ubutegtsi bwa FPR buyobowe na perezida Paul Kagame bityo basaba ko hakusanywa imbaraga zishoboka zose ubutegetsi bwa Kagame bukavaho.
b. Basabye perezida Paul Kagame kutagerageza ngo ahindure ingingo yi 101y'itegeko nshinga y' u Rwanda kuko byaba byishe itegeko nshinga yasinyiye kulinda.
c. Kongre yasabye kandi ko buri munyarwanda yashyiraho ake kugira ngo ubutegetsi bw'igitugu bwica bukarenganya buveho. Kandi hasabwe ko ingufu zose zishoboka zaba mu bitekerezo ndetse n'ubundi buryo zitangira kwegeranywa kandi urubyiruko rukabigira mo uruhare rugaragara.
d. Hemejwe kandi ko urubyiruko nyarwanda aho ruri hose hashakwa uburyo rwakorana kugirango rubere abandi umusemburo w' impinduramatwara, rwerekane ko bishoboka kubana mu mahoro.
e. Hemejwe kandi ko hagomba gufatwa ingamba zo kwegera Abanyarwanda kugira ngo batangire bigishwe ko uburenganzira bwabo bagomba kubuharanira, ndetse bagahugurwa kuburyo bwo kwigobotora ingoma y'igitugu ya Paul Kagame.
f. Urubyiruko rwashishikarijwe kwegerana rukaganira ku bibazo igihugu gifite, kandi bagategura umushinga ndetse bagateganya n'uburyo bushoboka bwo gukuraho ubutegetsi bw'igitugu butaramara Abanyarwa.
g. Kandi urubyiruko rwasabwe kwirinda iyoza bwonko rya FPR, ahubwo rushishikarizwa gukundana no gushakira igihugu amahoro arambye.

### 4. Kubirebana n'Ingaruka z'imiterere y'Ubukungu ku rubyiruko:

a. Ubukungu bw'u Rwanda bugomba kuvugururwa buherewe mumizi, politiki yabwo igomba kuvugururwa kugira ngo buri munyarwanda abashe kubona inyungu z'ibyo aba yakoze
b. Imibare y'abashomeri igomba kumenyekana kugira ngo ingamba zifatirwe kumibare nyayo.
c. Kongera imishahara y'abarimu, gushyigikira uburezi, no kubushoramo amafaranga agaragara byatuma abarangije amashuri basohokana ubumenyi buhagije bwo gupigana no guteza igihugu imbere mubijyane n'umurimo.
d. Amashuri ya tekinike agomba guhabwa agaciro kandi agakwizwa hose mugihugu kugirango urubyiruko rwo mucyaro rwitegure guhangana n'ibihe birimbere, murururwego hifujwe ko hakwiye kubaho gahunda ifatika yo gukwirakwiza za mudasobwa mubyaro, gahunda ya one laptop ibaho mucyuka gusa igakurwaho kuko ifasha abayobozi bakuru kwiba amafanga aba yagenewe kugura no gukwirakwiza izo laptops.
e. Urubyiruko rugomba kwihuta mugushaka ingamba zafatwa kugira ngo abasahura imitungo y'igihugu bamenyekane, ndetse hajyeho n'uburyo bwo kuzagaruza iyi mitungo nyuma y'ubutegetsi bwa FPR kugira ngo aya mafaranga azashorwe mu mishinga iteza urubyiruko imbere.
f. Ibibyose ntibishoboka hakiriho ubutegetsi bw'igitugu bwa FPR, niyo mpamvu urubyiruko rwasabwe gukora iyo bwababaga iyi ngoma ikavaho kandi ikabazwa ibyo yakoze byose byamafuti n'ubusambo.

**5. Kubirebana n'Ubutabera:**

a. Imivugururire y'ubucamanza mu Rwanda igomba kugendera kubibazo bihari ndetse n'imiterere y'abaturarwanda.
b. Abacamanza n'abayobozi b'inkiko ntibagomba kwivanga mungenga bitekerezo z'amashyaka ya politiki, kandi abari muri iyi myanya muri ikigihe bafite ingenga bitekerezo za FPR bagahagarikwa.
c. Imanza zaciwe na Gacaca zigomba gusubirwamo kugira ngo ibibazo byatewe nazo birebana n'amategeko ndetse n'uburengazira bwa muntu bibonerwe ibisubizo bihamye.
d. Ibibazo by'imanza zaciwe n'inkiko zo mu Rwanda kubijyanye n'ubwicanyi na jenocide zikwiye gusubirwamo kuko ntizizewe nabose.
e. TIPR (urukiko mpuzamahanga rwashyiriweho uRwanda) ntirwigeze rucira imanaza abantu bo muri RPF Inkotanyi bakoze ibyaha bikomeye by'intamba kugira ngo aba buze ababo biciwe n'ingabo zahoze ari iza FPR Inkotanyi nabo bahabwe ubutabera.

Iki ni ikibazo gikomeye urubyiruko n’abandi ba nyepoliki bagomba gushyira mo imbaraga kugira ngo ikibazo cy’ubutabera mu Rwanda kibonerwe umuti.

f. Imivugururire y’inzego z’ubutabera mu Rwanda ijyana no gukuraho ubutegetsi bw’igitugu buriho muri ikigihe kugira ngo abanyarwanda babane mu mahoro no mu ubwubahane bityo ubutabera bwigenge kandi bukorere Abanyarwanda bose. Ibi byashoboka aruko urubyiruko rushyizeho akarwo mukuzana impinduka nziza mugihugu.

**6. Kubirebana n’Ubumwe n’Ubwiyunge:**

a. Kurwanira ubutabera bwa buri munyarwanda wese, bushingiye ku kubwizanya ukuri, hagamijwe kwunga Abanyarwanda.
b. Guharanira politike ishingiye kuri demokarasi, ubwumvikane, kworoherana, ubufatanye, n’ubutegetsi bugendera ku mategeko na za institutions.
c. Kubaka inzego z'umutekano Abanyarwanda bose bibonamo, kandi zirengera buri munyarwanda.
d. Kwirinda kugwa mu mutego w’ivangurabwoko Kagame abashoramo hagamijwe amacakubiri.

**7. Kubirebana n’Umutekano:**

a. Gushyiraho inzego z’umutekano zibereye Abanyarwanda bose kandi zihuriweho n’amoko yose.
b. Gushyira imbaraga mu kubaka igisirikare cy’umwuga (professional) ndetse n’izindi nzego z’umutekano.
c. Kuganira ku bibazo by’imitwe yitwaje intwaro nka FDLR ndetse n’uburyo buboneye igisirikare cy’igihugu gikwiye kuvugururwa.
d. Kugirango ibibazo bitera umutekano muke biveho burundu; abari muri kongre basanze byihutirwa gukuraho ubutegetsi bw’igitugu bwa FPR bugasimbuzwa ubugendera kuri demokarasi n’iyubahirizwa rya kiremwamuntu
e. Urubyiruko rusobanukiwe n'amahame y'uburenganzira bwa muntu rugomba gushishikarizwa kuba umusemburo w'inzego nshya z'umutekano kugirango hazakumirwe ibibi biranga inzego ubu ziriho.

**8. Muri Rusange**

Kongre yifuje ko Kongre y'Urubyiruko itaha yazaba iy'Urubyiruko Nyarwanda aho gukomeza kuba iy'urubyiruko rw' Ihuriro Nyarwanda.

Kongre kandi yifuje ko hafatwa ingamba zose zishoboka kugira ngo urubyiruko ruhagararirwe muri platform ihuriweho n'imitwe ya politiki yitabiriye iyi Kongre.

Kongre irashimira byimazeyo igihugu cy'u Bubligi cyane cyane inzego z'umutekano zatumye hatagira ikintu na kimwe gihungabanya imirimo y'iyi Kongre

Kongre irashima byimazeyo abantu bose bitanze bagatanga n'inkungu iyo ariyo yose, yaba iy'igihe, amafaranga, ibitekerezo kugirango iyi Kongre itungane. Muri urwo rwego irashimira cyane Komiseri ushinzwe Urubyiruko n'Urubyiruko rw'Ihuriro Nyarwanda, Komite Mpuzabikorwa ya Buruseli y'Ihuriro Nyarwanda kubera uruhare rukomeye bagize mu gukora ibishoboka byose kugirango imirimo y'iyi Kongre igende neza.